# Mu by'ukuri Allah Nyir'ubutagatifu yaravuze ati: Uzagirira urwango umukunzi wanjye, uwo mutangarije intambara hagati yanjye nawe; kandi nta gihe umugaragu wanjye yanyiyegereza akora igikorwa cyaruta gukora ibyo namutegetse

Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Mu by'ukuri Allah Nyir'ubutagatifu yaravuze ati: Uzagirira urwango umukunzi wanjye, uwo mutangarije intambara hagati yanjye nawe; kandi nta gihe umugaragu wanjye yanyiyegereza akora igikorwa cyaruta gukora ibyo namutegetse n'igihe cyose akomeje kunyiyegereza akora ibikorwa by'umugereka bigera igihe nkamukunda; iyo mukunze mubera amatwi yumvisha, n'amaso arebesha, n'amaboko akoresha, n'amaguru agendesha, n'iyo hari icyo ansabye ndakimuha, n'iyo ansabye ngomba kumurinda."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Bukhari]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) muri iyi mvugo ntagatifu iragaragaza ko Allah Nyir'ubutagatifu yavuze ati: Uzabangamira umwe mu bakunzi banjye akamubuza amahoro akamurakaza, akamugirira urwango, azirikane ko mutangarije urwango hagati yanjye nawe. Umukunzi wa Allah ni umwemeramana umutinya, kandi kubera ikigero cy'ukwemera Imana no kuyitinya umuntu agira ni nacyo kigero cy'urukundo Allah amugirira. Kandi nta kintu umuyisilamu yakora cyamwegereza Nyagasani we ngo Allah abe yagikunda kuruta gukora ibyo yamutegetse mu kumwumvira no kureka ibyo yamuziririje. Kandi igihe cyose umuyisilamu akomeje kumwiyegereza akora ibikorwa by'umugereka byiyongera ku by'itegeko, bigeraho Allah nawe akamukunda! Iyo amukunze Allah amutera inkunga muri byose by'umwihariko mu ngingo enye z'umubiri: Amushoboza kumva, ntagire ibindi yumva usibye ibishimisha Allah. Amushoboza kureba, ntagire ibindi areba usibye ibyo Allah akunda ndetse anishimira. Amushoboza ku maboko ye, ntagire ibindi akora uretse ibyo Allah yishimira. Amushoboza amaguru ye, ntagire ahandi ayagendesha usibye mu bishimisha Allah, ntagire ahandi ajya usibye mu byiza. Hamwe n'ibyo byose, iyo asabye Allah ikintu arakimuha, ubusabe bwe bukakirwa; n'iyo yikinze kuri Allah ngo agire icyo amurinda, Allah aramurinda akamukiza ibyo atinya.